REPUBULIKA Y'U RWANDA

Karongi, ku wa 18/04/2018

N° .008../03/0301

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA KARONGI**
INAMA NJYANAMA
**E-mail:** karongidistrict@yahoo.fr
**B.P 23 KIBUYE**

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Impamvu** : Imyanzuro y'inama isanzwe w'Inama
Njyanama y'Akarere ka Karongi

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezaho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yabaye kuwa kane tariki ya 05/04/2018.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Karongi
- Madamu umuyobozi wungirije w'Akarere .........(bose)
- Madamu Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka KARONGI (ai)

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 05/04/2018**

Inama yatangiye saa tatu (09h00'), ibera mu cyumba cy'inama cy'Akarere, yitabirwa n'Abajyanama 22/27, iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana **MUTANGANA Frederic**

**Ku murongo w'ibyigwa hari:**

1. Kwakira Umujyanama uhagarariye abikorera Bwana **ABIMANA Mathias**
2. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporc y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayo.
3. Kureba aho imihigo igeze ishyirwamubikorwa.
4. Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama.
5. Kugaragarizwa ibikorwa biteganyijwe mu mihigo y'umwaka wa 2018-2019.
6. Kureba aho imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 24 Genocide yakorewe Abatutsi 1994 igeze.
7. Kuzuza abagize inama y'ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere

Nyuma yo kuganira kuri izi ngingo, Abajyanama 22/27 bafashe imyanzuro ikurikira:

| | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO | UWO BIREBA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|---|
| 01 | Kwakira Umujyanama uhagarariye abikorera Bwana **ABIMANA Mathias** | 1.Abagize Inama Njyanama y'Akarere bakiriye Umujyanama mushya **Bwana ABIMANA Mathias** ,uhagarariye abikorera mu Karere ka Karongi (PSF) nyuma yo kurahizwa n'Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi nkuko itegeko ribiteganya. | Inama Njyanama | 05/04/2018 |
| 02 | Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayo. | 2.Abagize Inama Njyanama bamaze kugaragaragarizwa ibikubiye mu ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama yo kuwa 28/12/2017, basanze imyanzuro yayo yarashyizwe mubikorwa uretse iyi ikurikira : | | |
| | | ➢ Inama yemeje gahunda y'icyumweru cy'Umujyanama (Councellor''s week) hagamijwe gukemura ibibazo by'abaturage , bikazakorwa nyuma y''icyunamo . | Inama Njyanama | 31/05/2018 |
| | | ➢ Inama yasabye ko ahimukiye gare mu Murenge wa Bwishyura hatunganywa kuko hagaragara umwanda | Komite Nyobozi | 30/06/2018 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | ,umuhanda ujyayo utameze neza n'imvura iyo iguye hareka amazi .<br>➢ Inama yasabye ko mu gihe cy'amezi atatu (3), Umurenge wa Rugabano uzaba wahawe umuriro w'amashanyarazi mu rwego rwo kwihutisha serivise zihabwa abaturage. Inama Njyanama yongeye gusaba ko mu nama Njyanama itaha bizaba byarakozwe. | | |
| **03.** | Kureba aho imihigo igeze ishyirwamubikorwa. | 3. Nyuma yo kugaragarizwa ibikubiye mu mihigo ,Inama Njyanama yasabye ko Ubuyobozi bwa PIASS bwandikirwa busabwa kugaragaza impamvu zituma batubahiriza amasezerano yo kubaka amashuri nkuko byari biteganijwe bityo hakandikwa ibaruwa isaba ko uyu muhigo wakurwamo kuko umufatanyabikorwa yagaragaragaje ubushobozi buke ku ishyirwamubikorwa ryawo. | Komite Nyobozi | 30/04/2018 |
| | | 4.Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukorana na BDF mu buryo bwa hafi hagamijwe gushyira mubikorwa umuhigo wo gutanga ibikoresho ku rubyiruko . | Komite Nyobozi | 30/04/2018 |

NAMA NJYANAMA - AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 5.Inama Njyanama yongeye gusaba ko amasezerano y'ibikorwa azajya yoherezwa ku Mirenge mbere kugirango ikurikirane ishyirwamubikorwa ry'ibyo bikorwa nkuko biba biri mu masezerano . | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | 05/04/2018 |
| | | 6. Inama Njyanama yasabye ko hakorwa inama muri buri murenge hakaganirwa by'umwihariko kuburyo ireme ry''uburezi ryatera imbere kuko bigaragara ko rikiri hasi | Komite Nyobozi | 31/05/2018 |
| | | 7. Nyuma yo kugaragaza ko imihanda y'ibitaka (Feeder roads) idakorwa neza , Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'ubukungu kuzayisura ndetse hagashyirwamo n'inzego z'Umutekano bagasobanurirwa n'umukozi ubishinzwe ibibazo byagaragaye n'uburyo byakosorwa . | Komisiyo y'ubukungu | 15/05/2018 |
| | | 8.Inama Njyanama yasabye ko utugali turimo kubakwa twazuzura dufite n'ibikoresho byangombwa mu biro ndetse n'imihanda ijyayo igakorwa kuburyo byorohera abaje gushaka service ndetse nabazaza muri evaluation bazabone inzira ibageza aho umuhigo uri. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | 30/06/2018 |

INAMA NJYANAMA AKARERE KA KARONGI

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 04 | Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama. | 9. Inama Njyanama yemeje ko ahantu hazubakwa ndetse n'ahamaze kubakwa ibikorwa bitandukanye ku bw'inyungu rusange ba nyiraho bahabwa ingurane (expropriation ) nkuko biri ku mugereka. | Inama Njyanama | 05/04/2018 |
| | | 10. Nyuma y'aho Komisiyo y'imibereho myiza isuriye ikigo Nderabuzima cya Rwankuba ikahasanga imikorere itameze neza, Inama Njyanama yasabye ko cyahindura imikorere n'uburyo bw'imicungire yabakozi bukanozwa | Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho myiza | 30/04/2018 |
| | | 11.Inama yemeje imyanzuro y'inama ya Biro yo kuwa 05/02/2018 ,18/03/2018 n'inama z'abaperezida zo kuwa 11/02/2018 no kuwa 23/03/2018 nkuko biri ku ku mugereka. | Inama Njyanama | 05/04/2018 |
| | | 12. Nyuma yo kugaragarizwa na Komisiyo y'imiyoborere myiza ko hari imirenge ikorera mu nyubako zangiritse cyane ndetse n'ibikoresho byo mu biro bitajyanye n'umurenge (urugero nka Gitesi), inama yasabye ko iyo mirenge yasanwa,ikanagurirwa ibikoresho. | Umunyamabanga Nshigwabikorwa w'Akarere | 2018-2019 |
| 05 | Kugaragarizwa ibikorwa biteganyijwe mu mihigo y'umwaka wa 2018-2019 | 13.Hagaragajwe ko ibikorwa biri mu mihigo y'umwaka utaha bikirimo kunozwa neza, inama Njyanama isaba ko mbere yo guhiga hajya habanza kurebwa niba ibikenerwa byose bihari | Inama Njyanama | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | cyangwa niba bizabonekera ku gihe (**nk**'inyigo y'umushinga, expropriation,...) kugirango hirindwe ko umuhigo ugeramo hagati ukananirana. | | |
| 06 | Kureba aho imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 24 Genocide yakorewe Abatutsi 1994 igeze. | 14.Nyuma yo kugaragarizwa aho imyiteguro yo kwibuka igeze, Inama yasanze imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 24 Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 iri kugenda neza ,inasaba ko abantu babyitabira kandi bakabigiramo uruhare. | Inama Njyanama | 05/04/2018 |
| 07 | Kuzuza abagize inama y'ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere | 15.Inama Njyanama yujuje abagize inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere ari aba bakurikira :<br>Uhagarariye Ibitaro:<br>**Dr NTIRENGANYA Emmanuel:**<br><br>Uhagarariye aba titulaire ba centre de sante<br>**MUSHIMIYIMANA Colette** | Inama Njyanama | 05/04/2018 |

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi (16h00),Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y 'ABAPEREZIDA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 25/03/2018**

Mu cyumba cy'inama cya unite ya Sante, saa kumi n'imwe (17h00) kuwa 25/03/2018 habereye inama y'Abaperezida igizwe n'aba bakurikira ( Perezida ba komisiyo z'igize Inama Njyanama , Abanyamabanga ba Komisiyo, Visi Perezida n'Umunyamabanga w'Inama Njyanama . Iyo nama yari iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi **Bwana MUTANGANA Frederic**

**Ku Murongo w'Ibyigwa :**

1. Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo
2. Gutegura inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere
3. Gutegura kwibuka ku nshuro ya 24 Genocide yakorewe abatutsi .

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe haruguru inama yafashe imyanzuro ikurikira :

| INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|
| 1.Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo | 1. Nyuma yo gusura ahantu hatandukanye hashyizwe ibikorwa by'inyungu rusange, inama yasabye epropriation yaho hantu ko yazemezwa mu nama Njyanama yo kuwa 05/04/2018 banyiraho bagahabwa ingurane kuko byakozwe kubw'inyungu rusange<br>2. Inama yasabye komisiyo y'ubukungu y'ukwezi kwa Mata yaziga uburyo hatangira kujya hasoreshwa imicanga na carriere mu rwego rwo kongera imisoro.<br>3. Inama yasabye ko Ubuyobozi bw'Akarere bwavugana n'Ubuyobozi bw'Inkambi bakajya bakira abarwayi bafite MUSA gusa kuko bigaragara ko imirenge yegereye inkambi batitabira gutanga MUSA kuko hari aho bavurirwa Ubuntu. |

INAMA NJYANAMA AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | |
|---|---|
| | 4. Inama yongeye gusaba ko hakorwa ibarura ry'amashyamba ya Leta akamenyekana kuko arimo gusarurwa n'abaturage bayita ayabo .<br>5. Inama yasabye ko Poste de Sante ya karora ihererеye mu murenge wa Mubuga yahabwa service yo kuboneza Urubyaro.<br>6. Nyuma yo kugaragarizwa ko abagize CA ya pharmacie y'Akarere batuzuye inama yemeje ko bazatorwa mu nama Njyanama bakemezwa.<br>7. Nyuma yo kugaragarizwa ibibazo biri mu centre de sante ya Rwankuba,inama yasabye ko hakosorwa ibibazo by'umwanda byahagaragaye ndetse n'imicungire y'abakozi itanoze<br>8. Inama yasabye ko hakwitwa cyane ku ireme ry'uburezi kuko byagaragaye ko harimo ibibazo. |
| 2. Gutegura inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere | 9.Nyuma yo kugaragarizwa na Biro ingingo zizigwaho mu nama isanzwe y'Inama Njyanama abagize inama y'Abaperezida barazemeje bahita bashyiraho n'itariki izaberaho ariyo 05/04/2018.<br>Izo ngingo n'izi zikurikira:<br>1. Kwakira Umujyanama uhagarariye abikorera Bwana ABIMANA Mathias<br>2. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayo.<br>3. Kureba aho imihigo igeze ishyirwamubikorwa.<br>4. Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama.<br>5. Kugaragarizwa ibikorwa biteganyijwe mu mihigo y'umwaka wa 2018-2019.<br>6. Kureba aho imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 24 Genocide yakorewe Abatutsi 1994 igeze.<br>7. Kuzuza abagize inama y'ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere. |

INAMA NJYANAMA AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | |
|---|---|
| 3. Gutegura kwibuka ku nshuro ya 24 Genocide yakorewe abatutsi . | 10.Komisiyo sociale yagaragaje aho imyiteguro yo kwibuka Genocide yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 24, inama isanga biri kugenda neza. |

Inama yashoje imirimo yayo saa moya (19h00),Umuyobozi w'Inama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

## INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YA BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 18/03/2018

Ku cyumweru tarikiya 18/03/2018, saa cyenda (15H00) mu cyumba cy'inama cya unite ya Sante habereye inama ya Biro y'Inama Njyanama . Iyo nama yari iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi, **Bwana MUTANGANA Frederic**.

**Ibiri Ku murongo w'ibyigwa** :

1. Gutegura inama isanzwe y'Inama Njyanama
2. Gutegura inama y'Abaperezida
3. Ibindi

Nyuma yo kuganira birambuye kuri izingingo zose; abajyanama bitabiriye inama bafatiye hamwe imyanzuro ikurikira:

| INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|
| 1. Gutegura inama isanzwe y'Inama Njyanama | 1. Nyuma yo kungurana ibitekerezo hemejwe ingingo zizigwaho mu nama isanzwe y'Inama Nyanama ariko zikazanonosorwa mu nama y'Abaperezida arizo zikurikira:<br>➢ Kwakira Umujyanama uhagarariye abikorera Bwana **ABIMANA Mathias**<br>➢ Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayo.<br>➢ Kureba aho imihigo igeze ishyirwamubikorwa.<br>➢ Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama.<br>➢ Kugaragarizwa ibikorwa biteganyijwe mu mihigo y'umwaka wa 2018-2019.<br>➢ Kureba aho imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 24 Genocide yakorewe Abatutsi 1994 igeze. |

| | |
|---|---|
| | ➢ Kuzuza abagize inama y'uutegetsi ya Farumasi y'Akarere |
| 2. Gutegura inama y'Abaperezida | 2. Nyuma yo kungurana ibitekerezo abagize inama ya Biro bemeje ko inama y'Abaperezida izaba ku wa 25/03/2018 ikaziga ku ngingo zikurikira:<br>1. Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo<br>2. Gutegura inama isanzwe y'Inama Njyanama<br>3. Gutegura kwibuka genocide yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 24 |
| 1. Ibindi | 3. Inama yongeye gusaba Komite Nyobozi ko contract zose zibikorwa by'iterambere ry'abaturage bikorerwa mu mirenge zamanuka mu mirenge kugirango imikorere isobanuke imirenge imenye ibikorwa biteganyijwe gukorwa.<br>4. Inama yemeje ko hazashakwa raterite ikamenwa aho abagenzi bategera imodoka kuko bigaragara ko iyo imvura yaguye abagenzi batabona aho bahagarara kubera amazi menshi aba yuzuye muri gare.<br>5. Inama yemeje ko hashyirwaho komite igizwe na Komite Nyobozi, inzego z'umutekano ndetse nabafite imihanda mu nshingano bagasura imihanda ya feeder roards iri gukorwa bakarebera hamwe kuri terain ibibazo birimo. |

Inama yashoje imirimo yayo saa moya n'igice (19h30),Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

INAMA NJYANAMA - AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

## URUTONDE RW'IBIKORWA BYASUWE NA KOMISIYO Y'UBUKUNGU INAMA NJYANAMA YO KWA 05/04/2018 YEMEJE KO BYAKORERWA EXPROPRIATION

| No | IGIKORWA | AHO CYAKOREWE | UMUBARE W'ABATURAGE |
|---|---|---|---|
| 1 | Ahubatswe community center | Ruganda | 4 |
| 2 | Ahubatswe Akagari ka Rutabi | Twumba | 1 |
| 3 | Ahubatswe Akagari ka Bukiro | Murundi | 1 |
| 4 | Ahashyizwe ibigega by'amazi ku muyoboro Kagabiro-Gatoki | Bwishyura | 3 |
| 5 | Ahazashyirwa Poste de sante ya Rwimpiri | Rubengera | 3 |
| 6 | Ikorwa ry'umuhanda mu mudugudu wa Nyarusazi 1,3km | Bwishyura | 44 |
| 7 | Ikorwa ry'umuhanda ujya kuri cross border market wa 400m | Bwishyura | 6 |
| 8 | Ikorwa ry'umuhanda Nyabidahe ya 6 km | Bwishyura | 35(hemejwe kandi ko inzu yasuwe na komisiyo y'ubukungu bigaragara ko yanaganitswe nayc yabarirwa ikavanwaho) |
| 9 | Inzu yubakiwe abatishoboye ya 4 in 1 | Gishyita | 1 |
| 10 | Ahazagurirwa ikibuga cya Mbonwa | Rubengera | 1 |
| 11 | Ahubatswe ECD | Rwankuba | 1 |
| 12 | Ahubatswe Akagari ka Kamina | Murundi | 1 |
| 13 | Ahazubakwa ikigo cy'urubyiruko mu Kagari ka KAREBA | Murundi | 1 |
| 14 | Ahazubkwa Poste de sante muri Gishyita | Gishyita | 1 |

**Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi**

**MUREKATETE Marie Rose**

**Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi**

**MUTANGANA Frederic**

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y 'ABAPEREZIDA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 11/02/2018**

Mu cyumba cy'inama cya unite ya Sante, saa kumi n'imwe (17h00) kuwa 11/02/2018 habereye inama y'Abaperezida igizwe n'aba bakurikira ( Perezida ba komisiyo z'igize Inama Njyanama , Abanyamabanga ba Komisiyo, Visi Perezida n'Umunyamabanga w'Inama Njyanama . Iyo nama yari iyobowe na Visi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi **Bwana Basiime Jossy**

**Ku Murongo w'Ibyigwa :**

1. Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo
2. Gutegura inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe haruguru inama yafashe imyanzuro ikurikira :

| INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|
| 1.Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo | 1 Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ngingo zizweho na Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu ukwezi kwa Mutarama 2018 Inama yemeje ko iyimurwa ry'abaturage (expropriation) bizemezwa mu nama Njyanama idasanzwe ari Gare ya Bwishyura ,ibindi bikeneye kwemezwa bireba iyimurwa ry'abaturage mu nyugu rusange bizasumwa mu nama Njyanama y'ubutaha<br>2 Nyuma yo gusesengura ikibazo cy'imyenda iri mu bitabo by'Akarere ,inama yasabye ibisobanuro by'inkomoko y'imyenda n'impamvu igaragaza ko abayifite batazishyura kugirango isibwe nkuko biteganywa n'Itegeko .<br>3 Nyuma yo gusesengura ishyirwa mu bikorwa ry'umuhigo w'umuganda bikagaragara ko bikiri hasi kubera umuganda w'Ukwezi kw'Ukuboza utarakozwe Inama yasabye ko hongerwa imbaraga, kandi imiganda iri gukorwa yo kubaka amashuri utugari n'imihigo y'urubyiruko yabarwa bityo bigafasha kuzamura agaciro k'umuganda . |

<table>
<tr><td></td><td>4 Inama yasabye gusesengura ikibazo cyo k'umuhigo wo kubaka utugari aho byagaragaye ko utugari twari duteganijwe mu mihigo ataribyo byashyizwe mubikorwa ,urugero aho kubaka Akagari ka Rubona ,hubatswe Kinyovu harebwa niba ihindurwa ry'amazina nta ngaruka bizagira mu gihe cya evaluation .<br>5 Nyuma yo kugaragaraza ikibazo ku muhigo wo gutoza abanyeshuri barangije S6 , aho mu mihigo y'Akarere harimo gutoza abanyeshuri 2310 ariko Akarere kagaragaza 1904 ko aribo bazatozwa , bityo inama yasabye ko hagaragazwa impamvu y'ikiranyo cy'iyo mibare n'inzego bireba zikabimenyeshwa mu buryo bw'inyandiko .<br>6 Inama yasabye ko hashirwaho gahunda yo kurangiza imanza Gacaca kuko byagaragaye ko bikiri hasi bityo hifuzwako hashyirwaho gacaca week mu rwego rwo kurangiza izo manza<br>7 Inama yasabye ko hashyirwaho itsinda (team ) yo kugenzura ishyirwamubikorwa ry'inama zatanzwe muri gahunda ya PFM peer learning .<br>8 Inama yasabye ko abayobozi b'amashuri bafite (30%) by'abana bafite Unclassified note (U) baganirizwa hakarebwa impamvu yo kudatsindisha n'amanota y'imyaka itatu ishize akarebwaho ,nyuma ayo mashuri yagaragaje intenge nke agahindurirwa abayobozi mu rwego rwo gutanga umusaruro kurushaho.</td></tr>
<tr><td>2. Gutegura inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere</td><td>9. Abagize inama y'Abaperezida bemeje ko inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere izaba kuwa 13/02/2018 ikaziga ku ,ngingo zikurikira :<br><br>1 Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye n'ikoreshwa ryayo igihembwe cya kabiri .<br>2 Kwemeza iyimurwa ry'abaturage (Expropriation ) ahazubakwa Gare ya Bwishyura<br>3 Kwiga ku ibaruwa ya Bwana MUHIRE Emmanuel wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere isaba guhagarika akazi .</td></tr>
</table>

Inama yashoje imirimo yayo saa moya (19h00),Umuyobozi w'Inama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**BASIIME Jossy**

Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI

## URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 05/04/2018

| Nº | Amazina | Igitsina | Umurenge | Email | Telefone | Isaha ahagereye | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | ABIMANA Mathias | M | Rubengera | abimanamathias@yahoo.fr | 0788522405 | 9h40 | [signature] |
| 2 | AGASARO Aurore | F | Bwishyura | Agasaro2010@gmail.com | 0788667363 | | |
| 3 | BAGWIRE Esperance | F | Rubengera | esperancebagwire@yahoo.com | 0788422766 | 8h40 | [signature] |
| 4 | BYABAGABO NZOYIBONA Claude | M | Gishyita | byanzo@yahoo.fr | 0788727087 | 9h40 | [signature] |
| 5 | BASIIME Jossy (Vice President | M | Twumba | Jbasiimec63@gmail.com | 0788409675 | 8:45AM | [signature] |
| 6 | HABIMANA Emmanuel | M | Ruganda | Emmanuelhabimana2015@gmail.com | 0782046789 | 8h 41 min | [signature] |
| 7 | KAMANZI Felix | M | Murundi | Kamanzifelix2015@gmail.com | 0783862264 | 8h40 | [signature] |
| 8 | KARAGIRE Gonzague | M | Murambi | goonzaleess@yahoo.fr | 0788648897 | 8h41 | [signature] |
| 9 | KAYIGEMA Vincent | M | Rwankuba | vincentkayigema@gmail.com | 0788549114 | | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 10 | MUKAMANA Therese | F | Rubengera | mukather13@gmail.com | 0788879942 | 9h00 | |
| 11 | MUKAMANA Florence | F | Gishyita | floremus2011@yahoo.fr | 0788852583 | 9h00 | |
| 12 | MUKANDEKEZI Françoise | F | Gitesi | mfracoise@yahoo.fr | 0788518877 | 8h30 | |
| 13 | MUKASHEMA Catherine | F | Mutuntu | - | 0786840230 | 9h00 | |
| 14 | MUKASHEMA Drocelle | F | Murambi | mudro80@yahoo.fr | 0783725640 | 9h00 | |
| 15 | MUKASINE Dative | F | Rwankuba | mukasinedative@gmail.com | 0783420808 | 9h00 | |
| 16 | MUREKATETE Marie Rose (Secretaire) | F | Bwishyura | muremarose@yahoo.fr | 0788899835 | 8h45 | |
| 17 | MUTANGANA Frederic(President) | M | Gashari | fredericmutangana@gmail.com | 0788305295 | | |
| 18 | MWIZA Ernest | M | Bwishyura | mwizae@yahoo.com | 0788530438 | 9h00 | |
| 19 | NAYITURIKI Esperance | F | Mubuga | enayituriki@yahoo.fr | 0788832048 | 9h00 | |
| 20 | NDAYISABA François | M | Rwankuba | ndayisabafrancis@gmail.com | 0788892749 | | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 21 | NDIHOKUBWIMANA Frodouard | M | Gitesi | ndihokubwimana@yahoo.fr | 0788614057 | 9h00 | |
| 22 | NGOBOKA Vincent | M | Rwankuba | Vincentngoboka07@yahoo.com | 0783428364 | 08h05 | |
| 23 | NTAKIRUTIMANA Julienne | F | Rugabano | julianumu@gmail.com | 0788497783 | 8h20 | |
| 24 | NYAMURINDA Protais | M | Rubengera | nyprotais@yahoo.fr | 0783420657 | | |
| 25 | NZAMUTUMA Azarias | M | Mutuntu | Azarnzam01@yahoo.fr | 0788679705 | | |
| 26 | TWAGIRAYEZU Emmanuel | M | Mubuga | twagirayezu10@yahoo.fr | 0788842557 | | |
| 27 | TWAMBAJEMARIYA Jeanne d'Arc | F | Rubengera | twambajejeanne@yahoo.fr | 0788487181 | 9h00 | |